**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

# ITANGAZO

Ishingiye ku ngingo ya 3 y'Itegeko Ngenga No 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2023 rigenga amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko ku wa **Gatandatu tariki ya 28/10/2023 nyuma y'Umuganda Rusange** muri buri mudugudu hazakorwa Amatora akurikira:

1. **Kuzuza Komite Nyobozi y'Umudugudu aho ituzuye.** Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu batorwa n'abaturage bose batuye Umudugudu bemerewe gutora.

2. **Gutora Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu**. Abagize Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu batorwa n'abagize Inama Njyanama y'Umudugudu aribo:
   - abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu;
   - abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwegorw'Umudugudu;
   - abajyanama b'ubuzima;
   - umujyanama w'ubuhinzi n'uw'ubworozi ku rwego rw'Umudugudu, aho bahari;
   - abagize Komite y'Umugoroba w'Umuryango;
   - abantu babiri bahagarariye abikorera batorwa na bagenzi babo ku rwego rw'Umudugudu.

**Icyitonderwa**. Hashingiwe ku ngingo ya 42 y'Iteka rya Perezida N° 001/01 ryo ku wa 06/02/2023 ryerekeye Umurenge, Akagari n'Umudugudu, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari barasabwa kumenyesha Abagize Inama Nyamana z'Imidugugu iri mu Kagari bayobora kugira ngo bazitabire icyi gikorwa.

Bikorewe i Kigali ku wa 23/10/2023

**MUNYANEZA Charles**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa
Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

---